



KOMISIYO ZIHORAHU Z'IHURIRO ZARATERANYE MU NAMA ZAZO ZISANZWE Z'IGIHEMBWE CYA MBERE CY'UMWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2026-2027

Iyi Komisiyo yateranye tariki 25 Kanama 2026, isuzuma raporo y'ibikorwa byayo mu mwaka w'ingengo y'imari 2025-2026.

Nk'uko biteganywa n'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro yo kuwa 27 Ukuboza 2018, mu ngingo yayo ya 38, Ihuriro rigira Komisiyo eshatu zihoraho, zikurikira:

1. Komisiyo Mbenezabupfura no Gukemura Amakimbirane;

2. Komisiyo ishinze Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'izindi nze;

3. Komisiyo ishinze Itumanaho no Kungurana Ibitekerezo.

Buri Komisiyo igira inshingano zayo zihariye, igaterana rimwe mu mezi abiri (2) mu nama zayo zisanze.

Nyuma ya buri mwaka w'ingengo y'imari, buri Komisiyo iraterana igasuzuma raporo y'ibikorwa byayo muri uwo mwaka w'ingengo y'imari.

Akaba ari muri urwo rwego, mu kwezi kwa Kanama 2026, Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro zateranye zisuzuma kandi zemeza raporo z'ibikorwa by'umwaka w'ingengo y'imari 2026-2027.

Inama ya Komisiyo Mbenezabupfura no Gukemura Amakimbirane



Muri iyi nama, abagize Komisiyo bashimye ko ibikorwa byari biteganyijwe muri Gahunda y'Ibikorwa byayo mu mwaka w'ingengo y'imari 2025-2026 byagezweho.

Mu bikorwa Komisiyo yishimira yagezeho, harimo:

- Gutegura raporo y'ibikorwa bya Komisiyo Mbenezabupfura no Gukemura Amakimbirane muri manda yayo y'imyaka itanu, Werurwe 2021 - Werurwe 2026.
- Kugira uruhare mu itegurwa ry'igenamigambi ry'Ihuriro ry'imyaka itanu, Nyakanga 2026 - Kame na 2031;
- Kwitabira amahugurwa y'abagize Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro bashya, bashyizweho n'Inama Rusange y'Ihuriro yateranye kuwa 19 Werurwe 2026;
- Gutanga ibitekerezo ku myiteguro y'inama nyunguranabitekerezo k'uruhare rw'imitwe ya politiki mu kwimakaza imiyoborere myiza, gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano;
- Kungurana ibitekerezo ku ngingo z'amategeko zigenga imyitwarire ikwiye umunyapolitiki mu Rwanda;
- Gutanga ibitekerezo ku myiteguro y'inama nyunguranabitekerezo ku 'uruhare rw'imitwe ya Politiki mu guhindura imitekerereze, gukunda Afurika n'u Rwanda by'umwihariko'.



Inama ya Komisiyo y'Itumanaho no Kungurana Ibitekerezo

Iyi Komisiyo yateranye tariki 26 Kanama 2026, isuzuma raporo y'ibikorwa byayo mu mwaka w'ingengo y'imari 2025-2026.

Muri iyi nama, abagize Komisiyo bashimye ko ibikorwa byari biteganyijwe muri Gahunda y'Ibikorwa byayo mu mwaka w'ingengo y'imari 2025-2026 byagezweho.

Mu bikorwa Komisiyo yishimira yagezeho, harimo:

- Gutegura insanganyamatsiko z'ibiganiro byaganiriweho mu nama z'Inama Rusange z'Ihuriro zateranye mu mwaka w'ingengo y'imari 2025-2026;
- Gutanga ibitekerezo mu itegurwa ry'amahugurwa y'abashinzwe gucunga imbuga za Interineti z'Imitwe ya Politiki;
- Gutegura raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Itumanaho no Kungurana Ibitekerezo muri manda yayo y'imyaka itanu, Werurwe 2021 - Werurwe 2026;
- Kugira uruhare mu itegurwa ry'igenamigambi ry'Ihuriro ry'imyaka itanu, Nyakanga 2026 - Kame na 2031.
- Kwitabira amahugurwa y'abagize Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro bashya, bashyizweho n'Inama Rusange y'Ihuriro yateranye kuwa 19 Werurwe 2026.

- Gutanga ibitekerezo ku myiteguro y'inama nyunguranabitekerezo k'uruhare rw'imitwe ya politiki mu kwimakaza imiyoborere myiza, gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano.
- Gutanga ibitekerezo ku myiteguro y'inama nyunguranabitekerezo ku uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guhindura imitekerereze, gukunda Afurika n'u Rwanda by'umwihariko'.



Inama ya Komisiyo ya Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'Izindi Nzego

Iyi Komisiyo yateranye tariki 28 Kanama 2026, isuzuma raporo y'ibikorwa byayo mu mwaka w'ingengo y'imari 2025-2026.

Muri iyi nama, abagize Komisiyo bashimye ko ibikorwa byari biteganyijwe muri Gahunda y'Ibikorwa byayo mu mwaka w'ingengo y'imari 2025-2026 byagezweho.

Mu bikorwa Komisiyo yishimira yagezeho, harimo:

- Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2024 - 2025 mbere y'uko igezwa ku Inama Rusange y'Ihuriro;

- Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo z'ubugenzuzi ku mikoreshereze n'imicungire y'imari n'umutungo by'Ihuriro, yaba raporo y'umwaka wa 2024-2025 ndetse na raporo y'amezi atandatu (Nyakanga - Ukubozza 2025);

- Gutanga ibitekerezo ku migendekere y'amahugurwa y'urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki (WPLP), n'amahugurwa y'urubyiruko (Youth Political Leadership Academy / YPLA) icyiciro cya 22;

- Kugira uruhare mu isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi ry'Ihuriro ry'imyaka itanu (2021-2026);

- Kugira uruhare mu itegurwa ry'igenamigambi ry'Ihuriro ry'imyaka itanu, Nyakanga 2026 - Kamena 2031;

- Kwitabira amahugurwa y'abagize Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro bashya, bashyizweho n'Inama Rusange y'Ihuriro yateranye kuwa 19 Werurwe 2026;

- Gutanga ibitekerezo ku myiteguro y'inama nyunguranabitekerezo k'uruhare rw'imitwe ya politiki mu kwimakaza imiyoborere myiza, gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano;

- Gutanga ibitekerezo ku myiteguro y'inama nyunguranabitekerezo ku uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guhindura imitekerereze,

gukunda Afurika n'u Rwanda by'umwihariko.

Muri rusange, mu mwaka w'ingengo y'imari 2025-2026, Komisiyo zose zakoze inshingano zazo uko bikwiye. Buri Komisiyo yateranye buri mezi abiri, ni ukuvuga inshuro 6 mu mwaka.

Komisiyo zose zagize uruhare rukomeye mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2025-2026.

Komisiyo zose kandi zagize uruhare mu itegurwa ry'Igenamigambi rishya ry'Ihuriro mu myaka itanu (Nyakanga 2026 - Kamena 2031).

Iri genamigambi niryo rishingirwaho hategurwa Gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro bya buri mwaka w'ingengo y'imari.

Ninanyo kandi rishingirwaho hategurwa Gahunda z'ibikorwa bya Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro buri mwaka w'ingengo y'imari.